Japan International Cooperation Agency (JICA)

# RWANDA ECOPD NEWS

December 2011, Vol.7

Rwanda Demobilization and Reintegration Commission (RDRC)

**Project on Skills training and Job Obtainment Support for Social Participation of Ex-Combatants and Other People with Disabilities**

**Umushinga wo gutanga ubumennyi n'ubushobozi bigamije gufasha abantu bahoze ari abasirikare n'abandi bafite ubumuga kwihangira imirimo**

## Celebration of the International Day of Persons with Disabilities ~Nothing about Us without Us

## Kwizihiza Umunsi mukuru w'abantu bafite ubumuga~Nta kintu cyadukorerwa tutakigizemo uruhare

**"Nothing about Us without Us". This is a slogan on disability movement. This slogan means "Do not make any decision on disability excluding People with Disabilities (PWDs)." PWDs are the central key persons in the disability affairs because they know what is disability. We can not do anything without PWDs.**

**The International Day of Persons with Disabilities (IDPD) on 3rd December was established by the International Year for Disabled Persons (1981). Moreover, the World Programme of Action concerning Disabled Persons, adopted by the United Nations General Assembly on 3rd December 1982. Therefore, the various programs on disability are implemented in December.**

"Nta kintu cyadukorerwa tutakigizemo uruhare". Iyi ni imvugo isubirwamo kenshi n'imiryango y'abantu bafite ubumuga. Iyi mvugo isobanura ngo "Ntimugafate ibyemezo ku birebana n'ubumuga muheje abantu bafite ubumuga". Abantu bafite ubumuga nibo shingiro ry'ibibazo bibareba kuko bazi ubumuga icyo ari cyo. Nta kintu twakorera rero abafite ubumuga batabigizemo uruhare.

Umunsi mpuzamahanga w'abantu bafite ubumuga uba tariki ya 3 Ukuboza washyizweho mu Mwaka mpuzamahanga w'abantu bafite ubumuga (1981). Ikindi kandi, Gahunda y'isi y'ibikorwa birebana n'abantu bafite ubumuga yemewe n'Inteko rusange y'Umuryango w'abibumbye tariki ya 3 Ukuboza 1982. Ibyo byatumye gahunda zinyuranye zirebana n'ubumuga zishyirwa mu bikorwa muri uko kwezi k'Ukuboza.


**The Declaration on the "Rights of Disabled Persons"(1975) states: "Disabled persons have the inherent right to respect for their human dignity. Disabled persons, whatever the origin, nature and seriousness of their handicaps and disabilities, have the same fundamental rights as their fellow-citizens of the same age"**

**Please imagine. If you would be deprived of a chance to enjoy a school life and an opportunity of employment because you were just impaired, what would you feel? In some country, PWDs obtain a school education and use public transportation easily as the natural right. On the other hand, in some country, PWDs have to resign themselves to participate in any activity due to disability. The difficulties which are faced by PWDs are different depend on their society and environment. It means that society makes disability. Therefore, we need to focus and change the society to solve disability issues. There are two approaches to solve the problem on disability. One approach is for PWDs to gain a power and ability to increase their quality of life. Another approach is for someone else to remove the barriers for the participation of PWDs. With both of these wheels in place, we can solve the problem. These wheels are like a relationship between front wheel and back wheel of bicycle. The ECOPD Project goes toward the achievement of the project purpose with these two wheels. In this ECOPD News, the accessible facilities for PWDs are introduced as the activity for change society. The exhibition by PWDs is introduced as the activity for PWDs to make a power.**

Itangazo ku "Burenganzira bw'abantu bafite ubumuga" ryo mu mwaka wa 1975 rivuga ko "Abantu bafite ubumuga bafite uburenganzira bwo kubahwa nk'ikiremwa muntu kuva bakivuka. Abantu bafite ubumuga, aho bakomoka hose, ubwoko n'uburemere bw'ubumuga bafite, bafite uburenganzira shingiro nk'ubw'abenegihugu bagenzi babo bari mu kigero kimwe".

Ibaze, ubuze amahirwe yo kwiga n'uburyo bwo kubona akazi kubera ko ufite ubumuga, wakumva umerewe ute ? Mu bihugu bimwe, abantu bafite ubumuga bajya kwiga mu ishuri batwawe n'imodoka rusange zitwara abagenzi nk'uburenganzira bwabo bw'ibanze. Ku rundi ruhande, mu bihugu bimwe, abantu bafite ubumuga bareka gukora akazi kubera ubumuga. Ibibazo abantu bafite ubumuga bahura na byo biratandukanye bitewe n'abandi bantu babana ndetse n'aho batuye. Ni ukuvuga ko abantu batera ubumuga. Bityo rero, tugomba guhindura abantu kugirango ibibazo by'ubumuga bizakemuke.

Hari uburyo bubiri bwo gukemura ibibazo biterwa n'ubumuga. Uburyo bwa mbere ni uko abantu bafite ubumuga bagira ubushobozi bwo kwiteza imbere mu mibereho yabo. Uburyo bwa kabiri ni uko abandi bantu bavanaho inzitizi zibuza abafite ubumuga kugira uruhare mu bikorwa by'iterambere. Twifashishije imipira yombi y'iri gare, dushobora gukemura ikibazo. Iyi mipira irerekana isano iri hagati y'umupira w'imbere n'umupira w'inyuma w'igare. Umushinga ECOPD ukora ugamije kugera ku ntego yawo wifashishije iyi mipira ibiri. Muri iki kinyamakuru ECOPD, korohereza abantu bafite ubumuga bisobanurwa nk'umurimo ukorwa hagamijwe guhindura imyumvire y'abantu. Imurika-gurisha ryakozwe n'abantu bafite ubumuga ni igikorwa kigamije kubaka ubushobozi



## Completion of the construction works of accessible facilities for PWDs at Vocational Training Centers. Imirimo y'ubwubatsi bugamije korohereza abantu bafite ubumuga na yo yarangije gukorerwa mu bigo byigisha imyuga.

**The construction works at VTC Gisenyi and Rubengera had completed. The main constructions were the accessible toilets and ramps for PWDs. because a lot of trainees were inconvenienced to use inaccessible toilets and class rooms. The various specialists assisted us in the works. Mr. Nkurunziza Theogene, the Civil Engineer of RDRC is one of the specialists who contributed to this works. The ECOPD staff interviewed him about the works.**

Imirimo y'ubwubatsi yakorerwaga mu bigo byigisha imyuga bya VTC Gisenyi na Rubengera yararangiye. Iy'ingenzi yakozwe ni iyo kubaka imisarani n'inzira abantu bafite ubumuga bakoresha mu buryo bworoshye kuko abanyeshuri benshi bahuraga n'ingorane zo kujya mu misarani no mu mashuri. Abantu banyuranye b'inzobere bafashije muri iyo mirimo. Bwana NKURUNZIZA Theogene, ushinzwe imirimo y'ubwubatsi muri RDRC ni umwe mu nzobere zagize uruhare muri iyo mirimo. Umukozi mu mushinga ECOPD yaganiriye na we ku bijyanye n'iyo mirimo.




**What is the most impression in the series of works ?**
**Ni ibiki byagaragaye cyane muri iyo mirimo y'ubwubatsi ?**

**Mr. Richard Gasana, the ECOPD staff** Bwana Richard Gasana, umukozi w'umushinga ECOPD

**My deepest impression is the barrier-free construction can show the importance of creation of accessible environment for PWDs to move easily like other people. These works contribute to promote the right of PWDs. In all designs I do, I will plan accessible facilities for PWDs.**

Icyo nabonye cyane ni uko kuvanaho inzitizi mu myubakire bifite akamaro kuko byorohereza abafite ubumuga mu kugenda ahantu biboroheye kimwe n'abandi bantu. Iyi mirimo igira uruhare mu guteza imbere uburenganzira bw'abantu bafite ubumuga. Mu bishushanyo byose by'inyubako nzakora, nzateganya inyubako zorohereza abafite ubumuga.



**Mr. Theogene, the Civil Engineer of RDRC** Bwana Theogene, Ushinzwe ubwubatsi muri RDRC

## ***Before and After construction*** Mbere na Nyuma y'ubwubatsi





The ramps were made for wheel chair user to move easily.

Inzira zifasha abafite ubumuga bagendera mu tugare zarubatswe.





The accessible toilets were made for physical disabled to use the toilets easily.

Imisarane yubakiwe abantu bafite ubumuga kugirango bayikoreshe biboroheye.

## ***Exhibition on sale*** Imurikagurisha ry'ubucuruzi

**The exhibition was implemented on 17th December, 2011 with the aim of promotion of employment for PWDs. The participants of the exhibition were the cooperative members with disabilities who completed the skills training in October. The exhibition venue was located at the UTC Building, the center of Kigali City. A lot of people visited the exhibition and bought the products which were made by the cooperatives.**

**The participants were very happy when the visitors selected and bought their products. They also got useful experience on business sense such as how to reckon expense and profit, what is popular design and so on. The business sense is very important for sustainable cooperative. The ECOPD Project assists the trainees to plan cooperative's activity during the skills training..**

Iryo murikagurisha ryabaye tariki ya 17 Ukuboza 2011, rigamije guteza imbere umurimo w'abantu bafite ubumuga. Abitabiriye iryo murikagurisha bari abanyamuryango b'amakoperative y'abantu bafite ubumuga barangije amahugurwa mu Kwakira 2011. Aho ryabereye ni mu nzu ya UTC, mu mujyi rwagati wa Kigali. Abantu benshi barijemo kandi bagura n'ibicuruzwa byakozwe n'amakoperative. Abazanye ibicuruzwa barishimye babonye abantu batoranya ibyo bakoze bakabigura. Bagize n'ubunararibonye bw'ingirakamaro mu bucuruzi nko mu kubara amafaranga yakoreshejwe n'inyungu, kumenya ibicuruzwa bikunzwe cyane n'ibindi.

Kumenya ubucuruzi ni ngombwa cyane kugirango koperative ikomere. Umushinga ECOPD ufasha abanyeshuri guteganya ibikorwa bya koperative mu gihe bari mu mahugurwa.

## *Products which were made by the cooperatives*
## Ibicuruzwa byakozwe n'amakoperative

Japan Overseas Cooperation Volunteers (JOCV) at Vocational Training Centers supported the cooperatives to make the products. It was very lovely!

Abakorerabushake b'abayapani bagamije ubufatanye n'amahanga baba mu bigo byigisha imyuga bafashije amakoperative gukora. Byari byiza cyane !



Bags Ibikapu




Greeting cards Amakarita Ingofero



Hats Ingofero



Making the products by sewing machines which were provide as starter kits.

Imyenda yadozwe n'imashini zatanzwe nk'ibikoresho by'intangiriro.



On the exhibition. Firstly, they were nervous whether the products were sold.

Mu imurikagurisha, bababajwe cyane n'uko ibicuruzwa byabo byaguzwe bigashira.

Japan Overseas Cooperation Volunteers (JOCV) are doing community based activities to develop them.
A bakorerabushake b'abayapani bagamije iterambere mpuzamahanga bakora ibikorwa biteza imbere abaturage.

# VOICE of Volunteers IJWI ry'abakorerabushake
## - Message from JOCV - - Ubutumwa bwa JOCV -

**Vol. 5: Mr. Toru TAKAHASHI, Rural Community Development at Nyarugenge Sector, Kigali City. Bwana Toru TAKAHASHI, Ushinzwe amajyambere y'abaturage mu Murenge wa Nyarugenge, Umujyi wa Kigali.**

Bonjour! Muraho!

I am Toru TAKAHASGHI for rural community development at Nyarugenge Sector. You might be incomprehensible "Why Japanese Volunteer for rural community development support the most developed area in Rwanda." I would like to introduce my activity in the center of Rwanda.

I am assisting the cooperatives which registered at Nyarugenge Sector. The types of cooperatives are various such as embroidery, clothes, tailoring, souvenir, furniture and so on. In this time, I introduce one embroidery cooperative.

The president has an artificial leg.. Other members also have some disabilities. Their techniques of embroidery are very fine but it is difficult to get enough profit. Therefore, I am trying to seek a new market for them. For example, I visited hotels and airport for the promotion of products with fliers. I also plan to export the products to Japan. I am careful not to be self-conceit in my activities. My motto is "Working with the cooperative members will help to sustain their cooperative ever after I will have left Rwanda".

Nitwa Toru TAKAHASGHI, nshinzwe amajyambere y'abaturage mu Murenge wa Nyarugenge ni ukuvuga mu mujyi wa Kigali rwagati. Mushobora kutumva "Impamvu hari abantu bashinzwe amajyambere mu Karere kateye imbere kurusha utundi mu Rwanda." Ngiye kubasobanurira imirimo yanjye mu karere ko hagati mu Rwanda.

Mfasha amakoperative akorera mu Murenge wa Nyarugenge. Hari amoko y'amakoperative anyuranye nk'ayo kuboha imyenda, gucuruza imyenda, kuyidoda, imitako, gucuruza ibikoresho by'ububaji n'ibindi .

Muri iyi minsi, natangije koperative yo kuboha imyenda.

Perezida wayo afite ubumuga bw'akaguru. Abandi banyamuryango nab o bafite ubumuga.

Bafite ubuhanga bwinshi bwo kuboha imyenda ariko biragoye kugirango inyungu iboneke . Bityo rero, ndacyakomeza kubashakira isoko ry'ibyo bakora.



Urugero : Nasuye amahoteli n'ikibuga cy'indege, ikigamijwe ari uguteza imbere ibyo bicuruzwa, nifuza no kubyohereza mu Buyapani.

Nirinda gukora imirimo yanjye ntafatanyije n'abandi.

Intego yanjye ni "Ugufatanya n'abanyamuryango bizatuma koperative itera imbere na nyuma y'igihe nzaba naravuye mu Rwanda".